REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
<u>B.P. 1044 KIGALI</u>

Kigali, le 05 MARS 1986
N° 0855 /15.08.01

Bwana Prezida w'Inama y'Ubutegetsi
ya Banki y'Abaturage y'i Nyamirambo
<u>B.P. 1348 KIGALI</u>

<u>Impamvu</u> : Gutira Sitade Rejiyonali
y'i Nyamirambo.

Bwana Prezida,

Nkulikije ibaruwa yawe yo kuwa 21 Gashyantare 1986 itira sitade Rejiyonali y'i Nyamirambo, ndakumenyesha ko mbemereye kuzakorera ibiroli kuli iyo sitade ku cyumweru tariki ya 9 Werurwe 1986 guhera isaa tatu kugeza isaa sita.

Aliko mugomba kwishyura amafaranga ibihumbi bitatu (3.000 FRW) yo gutunganya imilimo y'isuku. Musabwe kandi kwubahiliza amasaha kuko nyuma ya saa sita, hateganijwe umupira w'amaguru.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augusitini
Lt Col BEM.

MUGEMA Rwamaki
Secrétaire Général

<u>Bimenyeshejwe</u> :
- Bwana Prezida w'Inama y'Ubutegetsi y'Ishyirahamwe ry'amabanki y'abaturage <u>K I G A L I</u>
- Bwana Diregiteri w'Ibiro-Nyobozi by'amabanki y'abaturage <u>K I G A L I</u>

BANKI Y'ABATURAGE
Y'I NYAMIRAMBO
B.P. 1348
KIGALI

Kigali, kuwa 21 Gashyantare 1986

D CTSL Voir possibilités
Il ne devrait pas y avoir d'empêchement

28/2/86
1771/15.08

/3/86

Impamvu: Gutira Stade régional y'i Nyamirambo.
Gutumira mu biroli.

Kuli Nyakubahwa Militant Ministri
w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
KIGALI

Nyakubahwa Militant Ministri,

Dusanzwe tuzi ko mushyigikiye amakoperative arimo na za Banki z'abaturage. Niyo mpamvu twabasabaga kudutiza Stade régional y'i Nyamirambo ku cyumweru, taliki ya 9 Werurwe 1986, igihe tuzaba dutaha ibiro byacu bishya tunaboneraho kwizihiza isabukuru y'imyaka cumi amabanki y'abaturage amaze mu Rwanda.
Ibiroli bizatangira saa tatu birangire saa sita.

Tuboneyeho n'umwanya wo kubatumira muri ibyo biroli.

Prezida w'Inama y'Ubutegetsi
RUKEBESHA Aloys

Umwanditsi w'Inama y'Ubutegetsi
NYEMAZI Primiyani

Bimenyeshejwe:

- Prezida w'Inama y'Ubutegetsi y'Ishyirahamwe ry'amabanki y'abaturage.
- Diregiteri w'Ibiro-Nyobozi by'amabanki y'abaturage.